

# ESPAÑA

M. A. / L. C. –

Madrid / CapeTown - 10/03/2010

## Afurika y'epfo yakiriye umusilikare ushakishwa kubera kwica umu Misiyoneri w'umunyesipanyolo

### Amakuru ducyeshya ikinyamakuru EL PAIS cyandikirwa muri Espagne aremeza ko Lt Gen KAYUMBA Nyamwasa yahugiye mu gihugu cya Afurika y'epfo

Nkuko bitangazwa n'icyo kinyamakuru umucamanza Fernando Andreu wo mu gihugu cya Espagne, wasohoye impapuro zo kumuta muri yombi, kubera uruhare rwe mu bwicanyi yakoreye impunzi z'Abahutu muri Congo nyuma yo gufata ubutegetsi kw'Abatutsi mu Rwanda.

Uretse bwo bwicanyi bw'ibasiye inyoko muntu n'ibyaha byo mu ntambara icyo kinyamakuru cyashyize ahagaragara uruhare rwa NYAMWASA mu gutegura no gutanga amabwiriza yo kwica umu Misiyoneri Joaquim Vallamajo mu 1994 n'abakozi b'Umuryango w'Abaganga ku isi (Medicins du Monde-Espagne), aribo Flora Siera, Manuel Madrazo na Luis Valtueña mu 1997.

Lt Gen Nyamwasa yamaze iby'umweru birenga bibili y'indegebya muri Afurika y'Epfo, ataratabwa muri yombi ngo ashidikirizwe ubucamanza bumuryoze ibyaha yakoze.

Twabibutsa ko yahoze ari umugaba mu kuru w'ingabo z'uRwanda, akaba umwe mu nkingi z'ikomeye z'ubutegetsi bwa Kagame Paul.

Mu rwego rwo gukina ku mubyimba abanyarwanda babuze abobo kubera amahano yakoze, Leta ya Kigali yatangaje abantu, ubwo yavugaga ko izasaba ifatwa rye ngo kuko akurikiranweho ibikorwa by'iterabwoba!

Abanyarwanda n'amahanga bahanze amaso, Ubuca n'iyicwa rubuzo rya Joaquim Vallamajo n'abandi b'anyarwanda b'Abahutu, nkuko byemejwe n'abahoze mu ingabo za FPR-Inkotanyi (Armee Patriotique Rwandais), zari ziyobowe na KAGAME mu igihe zari zarigaruririyeye amajyuguru y'igihugu.

Vallamajo yarashimuswe yicwa tariki ya 26 Mata 1994, hashize iminsi ibili asabye ibisobanuro inkotanyi kw'iyicwa ry'abagenzi bari bamwugirije. Nk'uko bisobanurwa n'ubuhama bw'abahoze muri izo ngabo, bemeje ko yishwe atemagujwe umuhoro mu rwego rwo kwanga gupfusha busa amasasu, umurambo we wara rigishijwe.

Hakurikijwe iperereza rya Andreu, NYAMWASA yategetse iyicwa ry'Abanyesipanyolo bari baje mu gikorwa cy'ubutabazi mu Rwanda, ari abakozi ba Medecins du Monde -Espagne, mu igihe kitahuka cy'impunzi zavaga muri Congo.

Bishwe muri Mutarama 1997 mu Ruhengeli (mu majyaruguru y'uRwanda), yategetse iyicwa ryabo n'uburyo bagomba kwicwamo kandi yanabukuriraniye hafi.

Abo banyakwigendera; Sirera, Madarazo na Valtrueña bahowe kuba barafashije Abahutu 50 bari bacitse kw'icumu ry'ubwicanyi bwari bwakozwe na APR muri ako karere.

Bazize kandi ko umwe mu baturage yari yaberetse icyobo rusange cyari cyashyinyuwemo abaturage b'Abahutu bari bishwe muri icyo minsi n'izo ngabo.

Nk'uko byatangajwe n'umwe mu batanga buhama wahoze mu nzego z'iperereza, watanze ubuhama imbere y'umucamanza wa Espagne, yararahiye yemeza ko iyicwa ryabo ryateguriwe mu nama yara rimo kandi ko umusilikare mukuru wari muri icyo nama yari Lt Gen. Kayumba Nyamwasa.



Le general Kayumba Nyamwasa avec le président de Rwanda, Paul Kagame, l'année 2000. Reuters

Kuri umunsi w'iyicwa ryabo, bishwe barashwe n'abasirikare 4 b'Abahutu binjiye aho bari batuye babarasa urufaya rw'amasasu ntacyo bikanga.

Lt Gen Nyamwasa mu bindi byaha akurikiranyweho, harimo kuba yarateguye ubwicanyi bw'ibasiye inyoko muntu bwakorewe Abahutu hagati y'1992 na 1996.

Umucamanza Andreu yasabye Afurika y'epfo ku mufata no kumwohereza mu gihugu cya Espagne. Ibyo yabikoze yibutsa maza bw'igihugu cy'afurika y'epfo, icyemezo buzafata mu guhitamo igihugu azoherezwamo naramuka afashwe.

Uko byagenda kose Afurika y'epfo nk'igihugu cy'ubahiriza uburenganzira bw'abamuntu gifite ishingano zo ku mufata kikumushyikiriza umucamanza w'urukiko rw'igihugu muri Espagne, watanze impapuro zo ku mufata. Ibyo birasobanutse kuko ibyaha amukurikiranyeho binganya uburermere n'icya uRwanda rumurega, dore ko nta n'impapuro zisaba ifatwa rye, rwashyize ahagaragara, uretse kubivuga mu magambo.

Byongeye kandi nkuko nyiri ubwite ya byitangariye mu ikiganiro yahaye itangazamakuru mpuzamanga cyatambukijwe muri werurwe 2010 yivuguye ko mu Rwanda nta butabera yahabona.

Ibyo bitandukanye cyane n'ubutabera bwo muri Espagne kuko bwo buzamuhu urubuga rusesuye akisobanura ku itsembabwoko yakoreye Abahutu nyuma y'itsembabwoko ryakorewe Abatutsi basanga 800.000.

Tugarutse kubyatangajwe na El Pais, Umucamanza Andreu yagaragaje uruhare rwa Kayumba Nyamwasa mu ishimutwa manda zatanze muri Gashyantare 2008. Nyamwasa na Kagame umucamanza Andreu abakurikiranyaho kuba barateguye itsembabwoko ryakorewe Abahutu hagati 1994 na 2000.